

**REPUBLIKA Y'U RWANDA**



**MINISITERI Y'UBUZIMA**

**IFISHI Y'UMWANA AVURIRWAHO N'UMUJYANAMA  
W'UBUZIMA**

**Kanama, 2017**

## • AMABWIRIZA YO KUZUZA IFISHI YO KUVURAHU UMURWAYI

Iyi fishi yuzuzwa n'umujyanama w'ubuzima igihe cyose yakiriye umurwayi. Igizwe n'ibice birindwi. Umujyanama w'ubuzima asabwa kuzuzwa buri gice ntacyo asimbutse.

Uko ibice byuzuzwa

### Igice cya mbere: Umwirondoro

- o Iki gice cyuzuzwamo aho umwana aturutse, amazina ye n'ababyeyi be, imyaka ye n'uko angana mu mezi, n'uburwayi bumuzanye.
- o Utuzu twose tugomba kuzuzwa ntako basimbutse.
- o Imyirondoro yose ni iy'umurwayi (aho aturuka) uretse izina ry'umujyanama w'ubuzima n'Ikigo nderabuzima akorana nacyo.

### Igice cya kabiri: Imirire

- o Umujyanama w'ubuzima yuzuzwa igipimo yabonye apima umuzenguruko w'ikizigira akoresheje MUAC, cyangwa ibiro by'umwana byanditse ku ifishi ye akingirizwaho.
- o Umuzenguruko w'ikizigira awushyira mu cyiciro bitewe n'igipimo cyabonetse.

### Igice cya gatatu: Ibimenyetso mpuruza

- o Mu gushakisha ibimenyetso mpuruza umujyanama w'ubuzima asabwa kubinyuraho byose ntacyo asize kugira ngo acukumbure ibimenyetso by'uburwayi bwose bw'umwana yaba afite. Ibimenyetso mpuruza bifasha IKigo Nderabuzima kwita vuba ku mwana ubigaragaza o Iyo ibimenyetso mpuruza bibonetse umujyanama w'ubuzima ashyira " V " mu kazu kagenewe(yego) akohereza umwana ku Kigo Nderabuzima.
- o Iyo nta kimenyetso mpuruza kibonetse umujyanama ashyira " V " mu kazu kagenewe(oya) kandi agakomeza kuvura umwana.

**Icyitonderwa:** Ikimenyetso mpuruza kimwe kirahagije kugira ngo umwana ahite yoheretzwa kwa muganga. umujyanama w'ubuzima ashyira " V " mu kazu kagenewe(yego) akohereza umwana ku Kigo Nderabuzima.

### Igice cya kane: Ibimenyetso, kuvura, uko batanga imiti.

- Iki gice kigizwe n'ibice bine: ibimenyetso, kuvura, imiti itangwa, uko bayitanga.
- o Igice cya mbere kigaragaza ibimenyetso by'uburwayi umwana ashobora kugira: Umujyanama w'ubuzima agomba kubanza gusuzuma ibimenyetso byose by'uburwayi, agashyira "V" muri yego aho bibonetse cyangwa " V " muri oya aho bitari.
- o Igice cya kabiri kigaragaza ibyiciro by'uburwayi: umujyanama w'ubuzima ashyira mu cyiciro ikimenyetso cy'uburwayi, ashyira "V" kuri yego yemeza icyiciro cy'uburwayi cyabonetse cyangwa kuri oya iyo icyo cyiciro atari cyo.
- o Igice cya gatatu kigaragaza imiti ijyanye n'uburwayi bw'umwana.

### Umwana ufite :

> Umuriro gusa na TDR (-) yoherezwa ku kigonderabuzima

> Umuriro na TDR (-) ariko uherekewe n'ikindi kimenyetso (Urugero: Impiswi, Inkorora,...) bavura ibindi **bimenyetso hanyuma umwana akoherezwa ku kigo nderabuzima.**

**Umuriro urengeje ibyumweru bibiri na TDR (-) Umwana yoherezwa ku kigo nderabuzima.**

**Umuriro urengeje ibyumweru bibiri na TDR (-) Umwana ubana n'umuntu urwaye cyangwa warwaye igituntu Umwana yoherezwa ku kigo nderabuzima.**

**Umuriro urengeje ibyumweru bibiri na TDR (-) umwana ufite agakoko gatera SIDA, yoherezwa ku kigo nderabuzima.**

> Umuriro n TDR (+) bamuha AL X1 cyangwa ALX2 bitewe n'imyaka ye.

**Umuriro urengeje ibyumweru bibiri na TDR (+) Umwana avurwa malariya hanyuma akoherezwa ku kigo nderabuzima kubera gukekwa igituntu.**

> Umuriro , TDR (+) akanagira byibura kimwe mubimenyetso bya malariya y'igikatu bamuha Artesunate yo mu kibuno bitewe n'imyaka ye barangiza bakamwohereza ku kigo nderabuzima. Bagatanga ubutumwa bugufi bwa rapidsms.

(Artesunate yo mu kibuno ikoresheya gusa ku mwana ufite hagati y'amezi 6 kugeza ku myaka 6).

Impiswi bakamuha zinc na SRO. Inkorora yoroheje , bamugira inama yo kumuha ubuki n'umutobe w'indimu.

**Inkorora irengeje ibyumweru bibiri, umwana yoherezwa ku kigo nderabuzima.**

**Inkorora irengeje ibyumweru bibiri k'umwana ubana n'umuntu urwaye cyangwa warwaye igituntu, yoherezwa ku kigo nderabuzima.**

**Inkorora irengeje ibyumweru bibiri k'umwanautakaza/utiyongera ibiro, yoherezwa ku kigo nderabuzima.**

> Umusonga bamuha amoxicillin

> **Imirire mibi yoherezwa ku Kigo** Nderabuzima mu gihe dutegereje ko imiti y'inzoka (mebendazole) na fer folate bihabwa umujyanama w'ubuzima.

### Icyitonderwa:

- Imirire mibi si ikimenyetso mpuruza. Umwana wese ufite imirire mibi yoroheje(hondo) iherekewe n'ibindi bimenyetso, avurwa ibindi bimenyetso agahabwa imiti ariko akoherezwa ku Kigo Nderabuzima ngo basuzume neza n'ubundi burwayi yaba afite butagaragarira amaso.
- **Iyo umwana agaragaye mu cyiciro cy'imirire mibi ikabije/iyoroheje akaba abana n'umuntu urwaye / warwaye igituntu, umujyanama w'ubuzima abyandika ku ifishi yo kohereza**

o Igice cya kane umujyanama w'ubuzima yuzuzamo uko imiti itangwa: imiti anywa, inshuro ku muni, mu minsi ingahe.

- o Umujyanama w'ubuzima agomba kwifashisha inyoboramivurire kugira ngo amenye ingano y'umuti agomba gutanga.

### Igice cya gatanu: Kwirinda indwara

o Umujyanama w'ubuzima azenzura ko umwana akurikiza gahunda ziteganyirijwe

abana( inkingo, vitamine A, imiti y'inzoka n'imikurire). Ashyira " V " muri yego iyo umwana yubahirije gahunda cyangwa muri oya iyo atayubahirije.

**Igice cya gatandatu: Inama zihabwa umubyeyi**

Iki gice kigizwe n'inama esheshatu aha umubyeyi nyuma yo kuvura umwana: gutanga ibisobanuro ku burwayi, uko umwana agomba kunywa imiti, gukomeza kugaburira umwana, kumuha ibinyobwa byinshi.kumuha umuti wa mbere, kwibutsa umubyeyi kugaruka abonye umwana arembye.

o Umujyanama yuzuza ashya " V" kuri yego cyangwa oya aho yibutse kugira umubyeyi inama.

**Igice cya karindwi: Gukurikirana umwana urwaye**

Iki gice cyuzuzwa nyuma umubyeyi asubiye ku mujyanama w'ubuzima cyangwa se igihe umujyanama w'ubuzima asuye umwana yavuye.

o Umujyanama yuzuza ashya "V" kuri yego cyangwa oya igihe yasuriye umwana

o Iyo asanze umwana yararembye aramwohereza

o Iyo umwana afite ubundi burwayi afata indi fishi akamusuzuma

o Iyo nta bundi burwayi afite yarakize cyangwa yoroherwa, amugira inama yo kurangiza neza imiti.

o Umujyanama agomba kumenya iherezo ry'uburwayi bw'umwana ashya "V" ku iherezo nyaryo.

.....





## IFISHI Y'UMWANA AVURIRWAHO N'UMUJYANAMA W'UBUZIMA

### 1. UMWIRONDORO

Akarere: \_\_\_\_\_ Umurenge: \_\_\_\_\_ IKigo Nderabuzima: \_\_\_\_\_  
 Akagari: \_\_\_\_\_ Umudugudu: \_\_\_\_\_ Itariki: \_\_\_/\_\_\_/\_\_\_ Igihe yafatiwe: \_\_\_\_\_ Iminsi  
 Izina ry'umwana: \_\_\_\_\_ Izina ry'umujoyanama: \_\_\_\_\_  
 Izina ry'umubyeyi: \_\_\_\_\_

Itariki y'amavuko:		<b>Imyaka</b>	<b>Uko angana mu mezi</b>	<b>Igitsina</b>	<b>Gabo</b>	
		<b>Amezi</b>			<b>Gore</b>	

Uburwayi: Umuriro :  Y  O T°  Impiswi  Y  O Inkorora / ibicurane  Y  O Ibindi:.....

Hari imiti yafashe mbere yo kuza ku mujoyanama:  Y  O Niba ari yego ni iyihe? .....

2. IMIRIRE						
Umuzenguruko w'ikizigira/MUAC	..... cm	Cyangwa ibiro: ... kg	Ibyiciro	Icyatsi	Hondo	Tuku
3. GUSHAKISHA IBIMENYETSO MPURUZA («YEGO» KOHEREZA), niba umuriro ari 37,5c no hejuru yaho cyangwa yigeze kuwugira, banza ufate TDR						

Munsi y'amezi 2	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O	Ahumeka bimugoye, anihira	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O
Imirire mibi ikabije (muri tuku)	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O	Icyena mu mbavu, arajwigira	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O
Kubiyimba (ibirenge byombi + codet)	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O	Indwara imaze iminsi 14 no hejuru	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O
Ntashobora kunywa, konkwa, no kurya	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O	Yafashe imiti ariko ntiyoroherwa	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O
Araruka ibyo ariye byose	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O	Umuriro no gusesa uduheri	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O
Aragagara	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O	Yituma ibivanze n'amaraso	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O
Yahwereye / ntiyumva	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O	Munsi y'amezi 6 (umuriro)	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O
Yacitse intege cyane	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O	Arengaje imyaka 5 ku mpiswi n'umusonga	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O
Yerurutse ibiganza	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O	Arashikagurika	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O
Amaso yahengeye	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O	Umuburi ukuruwe ntusubiraye	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O
Ashaka kunywa cyane	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O	Koma (Guta ubwenge mu buryo bukabije)		
Ararwaragurika	<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O	Guhondohera		
			Kuva amaraso mu myenge itandukanye y'umubiri (mu kanwa, mu mazuru, mu matwi, kwihagarika amaraso) ntakame		
			Umubiri wabayeye umuhondo		
			Umuriro urengaje iminsi 14 k'umwana, ubanan'umuntu warwaye cyarwaye igitungu		
			Umuriro urengaje iminsi 14, k'umwana utiyongera/utakaza ibiro		
			Ibindi: .....		

Kohereza  Y  O

4. IBIMENYETSO, KUVURA, UKO BATANGA IMITI													
Ibimenyetso				Uburwayi			Kuvura			Uko batanga imiti			
Umuriro		<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O	Umuriro wonyine wo kohereza		<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O	<b>Arthmeter Lumefanthrine (AL)</b>	<b>Amezi 6-35</b>	<b>Amezi 36-59</b>	Ibinini anywa	Inshuro ku munsi	Iminsi
RDT	+	-	2X ?	Malariya		<input type="checkbox"/> Y	<input type="checkbox"/> O		AL 6X1	AL6X2	<input type="checkbox"/>	<input type="checkbox"/>	<input type="checkbox"/>
								<b>Arthesinate suppo</b>	<b>Amezi 6-36</b>	<b>Amezi 37-72</b>	Ibinini ahabwa	Inshuro ku munsi	Iminsi
									ARS 1	ARS 2	<input type="checkbox"/>	<input type="checkbox"/>	<input type="checkbox"/>

Guhitwa	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O		Zinc	Munsi y'amezi 6 Ibinini 10	Arengeje amezi 6 Ibinini 20			
Kangahe ku munsi .....		Impiswi	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	SRO Udupaki 4	Munsi y'inyaka 2 ½ cy'ikirahure	Arengeje imyaka 2 Kirahure cyose		
Inkorora ibicurane	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Umusonga	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Amox	Amezi 2-4 Ibinini 10	Amezi 5-12 Ibinini 20		
					Amezi 13-30 Ibinini 30	Amezi 31-59 Ibinini 40		
Inshuro ahumeka ku monota: .....		Inkorora yoroheje	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Ubuki, umutobe w'indimo	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Watanze imiti ya mbere	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	
Kunanuka cyangwa guta ibiro/MUAC hindo	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Imirire mibi yoroheje	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Koheraza umaze kuvura ibindi bimenyetso niba bihari	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O			

### 5.KWIRINDA INDWARA

Kurangiza inkingo	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Ahabwa Vitamine A buri mezi atandatu	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O
Yahawe imiti y'inzoka	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Imukurire ye ikurikiranywa nk'uko bikwiye	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O

### 6.INAMA ZIHABWA UMUBYEYI CYANGWA UWAMUZANYE

Ibisobanuro ku burwayi	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Kunywa ibinyobwa byinshi kurushaho	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O
Ibisobanuro by'uko imiti izafatwa	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Guhabwa imiti ya mbere n'umujyanama	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O
Gukomeza kugaburira umwana	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Inama z'igihe cyo garura umwana byihutirwa	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O

### 7.GUKURIKIRANA UMWANA URWAYE

#### A.Umwana urwaye yasuwe kuko:

a.Aragarutse nk'uko biteganijwe: nyuma y'iminsi ibiri

<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Iminsi itatu	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O
---	--------------	---

b.Ahise agaruka kubera uburembe

<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O		
---	--	--

c. Gukurikirana umurwayi mu rugo

<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Niba ari "YEGO", Mwoherereze
---	------------------------------

#### B.Umwana yararembye? (Baza umubyeyi)


<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Niba ari "YEGO", Fata indi fishi
---	----------------------------------

#### C.Ese umwana afite ubundi burwayi?

<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	
---	--

### D.GUSHAKISHA IBIMENYETSO MPURUZA (OHAREZA NIBA ARI "YEGO")

Imirire mibi (mu mutuku)	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Mu kiganza harerurutse	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O
Kubyimba (ibirenge byombi+Godet)	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Ahumeka bigoranye, icyena cg biravuguriza	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O
Ntashoboye kurya, konkwa, kunywa	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Yanyoye imiti ariko ntiyorherwa	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O
Aruka ibyo ariye byose	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Umurimo n'uduheri dusesa	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O
Yagagaye cg ari kugagara	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Arituma amaraso	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O
Yataye ubwenge	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Afite munsi y'amazi 6 (umuriro)	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O
Yacitse intege cyane	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Arashikagurika	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O
Amaso yahenengeye	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Umubiri ukuruwe ntusubirayo	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O
Afite inyota cyane	<input type="checkbox"/> Y <input type="checkbox"/> O	Koma (Guta ubwenge mu buryo bukabije)	
		Guhondobera	
		Kuva amaraso mu myenge itandukanye y'umubiri (mu kanwa, mu mazuru, mu matwi, kwihagarika amaraso) ntakame	
		Umubiri wabaye umuhondo	
		Umuriro urengeje iminsi 14 k'umwana, ubanan'umuntu warwaye cg urwaye igituntu	
		Umuriro urengeje iminsi 14, k'umwana	



utiyongera/utakaza ibiro

Icyiciro ashyizwemo Umunsi wa mbere			Ibimenyetso mu gihe cyo kumukirikirana			icyakorwa			IHEREZO			
									Yarakize	Yoherejwe ku Kigo Nderabuzima	Yarapfuye	Irindi herezo
Malariya	Y	<input type="radio"/>	Umuriro	Y	<input type="radio"/>	Mwohereze	Y	<input type="radio"/>				
Inkorora / Ibicurane			Inshuro ahumeka: .....									
	Y	<input type="radio"/>	Arahumuka vuba	Y	<input type="radio"/>	Uzuza undi fishi	Y	<input type="radio"/>				
Umusonga	Y	<input type="radio"/>	Arahumuka vuba	Y	<input type="radio"/>	Mwohereze	Y	<input type="radio"/>				
Impiswi	Y	<input type="radio"/>	Guhitwa	Y	<input type="radio"/>	Komeza umuhe umuti	Y	<input type="radio"/>				

**E.INAMA ZO GUKOMEZA GUHA UMWANA IMITI**

- Kubaza umubyeyi kuvuga uko yahaye umwana imiti (Umuti ungana iki, inshuro zingaha, iminsi ingaha)
- Niba umubyeyi yaratanze imiti neza, mushimire umushishikarize gukomeza atyo.
- Niba umubyeyi yaratanze imiti nabi, mwereke unamusobanurire uko agomba kuyimuha (Umuti anyway ku muni, inshuro zingaha ku muni, iminsi ingaha), umusabe kubigusubiramo. Reba neza ko yabyumvise
- Komeza umuhe imiti niba atarayirangiza

**F.UBWISUNGANE ARIMO:** .....

**G.AMAZINA Y'UMUKURU W'UMURYANGO**.....

**H.AMAFARANGA ATANZE :** ..... / **Umwenda :** .....